RAPORO Y'IBIGANIRO KURI GAHUNDA YA « NDI UMUNYARWANDA » YATEGUWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE KU WA 15 UGUSHYINGO 2013.

I.INTANGIRIRO

Ku itariki ya 15 Ugushyingo 2013, i Gashora mu Karere ka Bugesera, mu Ntara y'Iburasirazuba habereye gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" yateguwe n' Inama y' Igihugu y'Abagore yitabiriwe n'abagize Komite z'Inama y' Igihugu y'Abagore, ku rwego rw'Igihugu, Intara n'Umujyi wa Kigali, abahuzabikorwa b' Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Uturere twose, ndetse n'Abayobozi b' Uturere bungirije bashinzwe imibereho myiza y'Abaturage, Abayobozi b' imiryango ya sosiyete sivile iharanira iterambere ry' umugore, abahagarariye imiryango mfatanyabikorwa harimo CARE International na World Vision. Iyi gahunda yitabiriwe n' abagore 90 bahagarariye abandi.

Bamwe mu bagore bitabiriye « Gahunda ya Ndi Umunyarwanda »

II.UKO GAHUNDA YAGENZE

II.1. Gufungura “Gahunda ya Ndi Umunyarwanda “

Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” yafunguwe ku mugaragaro na Madamu Monique NSANZABAGANWA, Visi Perezida wa mbere wa “Unity Club” ari kumwe na Minisitiri w’ Uburinganire n’ Iterambere ry’ Umuryango, Madamu GASINZIGWA Oda, Umunyamabanga Uhoraho muri Ministeri y’ Uburinganire n’ Iterambere ry’ Umuryango, Madamu UMULISA Henriette, Depite NYINAWASE Jeanne D’Arc, Depite UWAYISENGA Yvonne, Visi Perezida wa Komisiyo y’ Ubumwe n’ Ubwiyunge, Visi Perezida w’ Inama y’ Igihugu y’ Abagore Madamu NDEJEJE UWINEZA Marie Rose.

Uhereye ibumoso, Visi Perezida wa Komisiyo y’ Ubumwe n’ Ubwiyunge, Visi Perezida wa mbere wa “Unity Club”, Minisitiri w’ Uburinganire n’ Iterambere ry’ Umuryango na Visi Perezida w’ Inama y’ Igihugu y’ Abagore.

Mu ijambo rye umushyitsi mukuru yasobanuye ko Gahunda ya “NDI UMUNYARWANDA “atari gahunda nshya, ahubwo ari gahunda isanzwe y’ibiganiro, kandi Abanyarwanda basanzwe bafite umuco wo kwicara bakaganira, ku bibazo binyuranye mu rwego rwo kubishakira umuti.

Yibukije ko iyi gahunda igamije gufasha buri Munyarwanda wese kurushaho kwiyumvamo ishema ryo kuba Umunyarwanda, agaharanira kurukunda, kururinda no kuruteza imbere.

Yagaragaje ingingo z' ingenzi zikubiye muri Gahunda ya "NDI UMUNYARWANDA" arizo: kwiyumvamo ubunyarwanda (*Rwandan spirit*), inshingano, uburenganzira, indangagaciro na kirazira bigamije kwimakaza ubunyarwanda.

Yagarutse cyane ku nshingano agaragaza ko uburenganzira bugomba kugendana n' inshingano, by' umwihariko nk' abagore bagomba kumenya ko dufite uburenganzira ariko kandi n' inshingano cyane cyane zo kwita ku miyoborere y' Igihugu cyacu.

Bamwe mu batanze ibiganiro n'abayoboye amatsinda muri Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".

II.2.Ibiganiro byatanzwe :

- Hatanzwe ikiganiro ku mateka y' Urwanda, ibikomere n' imbabazi cyatanzwe na Honorable Polisi Denis;
- Ikiganiro ku nzira y' ubumwe nubwiyunge cyatanzwe na Madamu Xaverine Uwimana, Visi Perezida wa Komisiyo y' Ubumwe n'ubwiyunge.

Mu Kiganiro cye Honorable Polisi Denis yibanze ku ngingo zikurikira:

- Imiturire n' ivuka ry' u Rwanda
- Impamvu zateye amacakuburi mu Banyarwanda akabageza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi
- Ibikomere byatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi
- Imbabazi

Yibukije ko ari ngombwa ko Umugore akomeza kugira uruhare mu miyoborere y' igihugu kuko kuva na kera kose yagiraga uruhare mu kugira inama Abayobozi bu Rwanda agaragaza urugero rw' Umubagekazi n' Umwami.

Yasabye ko Abanyarwanda bashyira ingufu mu kubaka amateka mashya, basuzuma aho bagize intege nke byaba ngombwa bigasabirwa imbabazi.

Ku birebana n' imbabazi yasobanuye ko gusaba cyangwa gutanga imbabazi birutuka ku mutima nama wa buri muntu ko kandi inkingi ikomeye ari ubunyarwanda kurusha ibindi.

Visi Perezidante wa Komisiyo y' Igihugu y' Ubumwe n' Ubwiyunge, Madamu UWIMANA Xaverine yunze mu rya bagenzi be ati **"Ndi Umunyarwanda" ni urugendo ukora ugakira hanyuma ukajya**

gukiza n'abandi twamagana ibidutanya twimakaza ibiduhuza". Mu kiganiro cye yibanze ku ngingo zikurikira **:**

- Impamvu shingiro y' Ubumwe n' Ubwiyunge mu Rwanda
- Ibyakozwe mu gusana u Rwanda no kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda
- Uburyo bwifashishijwe mu kugarura ubumwe no kwimakaza ubwiyunge mu banyarwanda
- Umusaruro wagezweho
- Inzitizi
- Ingamba

Yasabye abitabiriye ibiganiro ko bakwiye kurera neza abana babatoza kuba Abanyarwanda nyabo no gushyiraho urubuga rwo kungurana ibitekerezo no komorana ibikomere.

Nyuma y' ibiganiro ababyitabiriye bahawe umwanya wo gutanga ibitekerezo no kubaza ibibazo:

- Hasabwe kudatinda ku bintu ahubwo gusasa inzobe kugira ngo iyi gahunda abagore bayigire iyabo.
- Gutangiriza gahunda ya Ndi umunyarwanda mu ngo zacu
- Kuvuga ukuri, kwibaza niba koko amoko ariho cyangwa atariho?
- Habajijwe icyo Komisiyo y' ubumwe n' ubwiyunge, ikora kugira ngo imitungo y'Abacitse ku icumu yasahuwe cyangwa ikangizwa muri Jenoside yishyurwe n' icyo ikora kugira ngo Abanyarwanda barenge ibyabaye muri Jenoside yakorewe Abatutsi?
- Kuki mu mateka ya Jenoside hibandwa cyane ku Bahutu n' Abatutsi hari n' Abari mu bwoko bw' Abatwa bagize uruhare muri Jenoside?

- Kwimakaza ubumuntu, kuko budahari ntacyagerwaho.
- Hibukijwe ko twese turi Abanyarwanda ntawukwiye kubihakana, ariko ko kugira ngo gahunda ya “Ndi Umunyarwanda ” igere ku mutima wa buri wese ariho ikibazo kiri. Ati : **“Burya gukangura uwisinzirije biragora kurusha usinziye ”.**
- Habajijwe ingamba zafatwa kugirango Abanyarwanda bose bigishwe amateka y’ u Rwanda kandi yigishwe kimwe.

Hatanzwe ibisubizo n’ ubugororangingo ku bitekerezo byatanzwe hibutswa ko uburenganzira bw’ umuntu butangira aho ubwa mugenzi burangirira kandi ko iyi Gahunda ya «Ndi Umunyarwanda » abagore b’ Abayobozi dukwiriye kubanza kuyumva no kuyigira iyacu kugira ngo dushobore kuyigeza ku bandi duhagarariye.

Hashimangiwe ko Abagore bakwiye gukomeza guca bugufi, bakavugisha ukuri, batirebaho kandi buri wese akagaragaza uruhare rwe.

Ibiganiro byakurikiwe no kungurana ibitekerezo mu matsinda, n’ ubuhamya bwa bamwe mu bagore bitabiriye Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda

Nyuma yo kungurana ibitekerezo abari muri gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” bafashe imyanzuro ikurikira:

III. IMYANZURO

1. Gushishikariza Abagore b' ibyiciro binyuranye "Gahunda ya Ndi Umunyarwanda" kugira ngo bayigire iyabo.

2. Gushishikariza abagore bateshutse ku nshingano zabo nka mutimawurugo ntibakumire Jenoside gusaba imbabazi babivanye ku mutima no gushishikariza imiryango yabo gusaba imbabazi;
3. Abagore biyemeje kwitanga mu komora ibikomere batewe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kugira ngo urubyiruko ruzagire umurongo ubereye umunyarwanda;

4. Gushyira imbere ubunyarwanda n' inyungu z' Abanyarwanda bose mbere yo kwibonamo amoko, isano, idini, Akarere, igitsina n' ibindi.

5. Gushyira imbaraga mu biganiro byimbitse bihuza abaturage bigamije komorana ibikomere no kubaka ubwizerane mu banyarwanda;

6. Kwimakaza umuco w'amahoro n'urukundo harwanywa amacakubiri kugeza ku nzego z' ibanze binyujijwe muri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" no gukomeza ubukangurambaga ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda zigamije gukunda Igihugu;

IV. GUSOZA GAHUNDA YA NDI UMUNYARWANDA

Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” yashojwe ku mugaragaro n’ Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri y’ Uburinganire n’ Iterambere ry’ Umuryango, Madamu UMULISA Henriette washimiye abateguye iyi gahunda asaba abagore bahagarariye abandi kuyigeza kubo baharagarariye ku nzego zinyuranye no gufatanya nabo gushyira mu bikorwa imyanzuro bagaragaje .

Bikorewe i Gashora kuwa 15 Ugushyingo 2013.